



ITANGAZO

IHINDUKA RY'IBICIRO BY'UBWISHINGIZI KU BYANGIJWE N'IBINYABIZIGA

Ishyirahamwe ry'Ibigo by'Ubwishingizi mu Rwanda (ASSAR), riramenyesha abaturage bose n'abafatanyabikorwa bayo muri rusange ko havuguruwe ibiciro by'Ubwishingizi ku byangijwe n'ibinyabiziga.

Ni icyemezo cyafashwe hashingiwe ku busesenguzi bwimbitse bwakozwe hagamijwe kugenzura uko ibiciro by'ubwishingizi bw'ibinyabiziga bihagaze ku isoko, n'izindi mpamvu zishobora kugira ingaruka ku iterambere rirambye ry'ubucuruzi bw'ubwishingizi bw'ibinyabiziga.

Impamvu zateye amavugurura

1. Igihombo gihanitse mu kwishyurira ibyangijwe n'impanuka ndetse n'indishyi bikomeje kuzamura igiciro cy'ubwishyu.
2. Kuba nta mafaranga ntarengwa, Ikigo cy'Ubwishingizi kiba kigomba kwishyura mu gihe habayeho impanuka ituma hishyurwa ibyo ikinyabiziga cyangije, by'umwihariko mu gihe ari impanuka yangije ubuzima bw'abantu.
3. Itakazagaciro k'ifaranga no kuba ibiciro byo gukanika no gusana imodoka zangiritse biri hejuru cyane, ibiciro by'imiti n'ubuvuzi, ibyuma by'imodoka n'ibindi bifitanye isano bituma muri rusange igiciro cyo gusana cyangwa kwishyura indishyi gitumbagira cyane.

Intego y'aya mavugurura

Aya mavugurura agamije gutuma urwego rw'ibijyanye n'ubwishingizi rukomeza gukora neza nta nkomyi, hakanaboneka indishyi ikwiriye mu gihe habayeho impanuka. Ibiciro byashyizweho bijyanye n'imiterere y'isoko ry'iki gihe kugira ngo habungabungwe umutekano w'abakoresha umuhanda bose.

Uburyo bwifashishijwe ngo hashyirweho ibiciro biboneye

ASSAR yifashishije ibyavuye mu nyigo yakozwe n'ikigo cy'abahanga mu by'imibare y'ubwishingizi (actuaries) cyitwa ACTSERV, ibasha kubona raporo ishingiyeye ku bumenyi kandi ikurikije amategeko mu kugena amabwiriza agenga ibiciro bishya by'ubwishingizi.

Ibi biciro bivuguruye ku bwishingizi ku byangijwe n'ibinyabiziga, bizatangira gukurikizwa ku wa **15 Ukwakira 2026**.

Mu izina ry'uhagarariye Ishyirahamwe ry'Ibigo by'Ubwishingizi mu Rwanda



09,Nzeri,2026

Pamela Umutesi

ASSAR Managing Director